<ol style="list-style-type: none"> 1. Kuba inyangamugayo n'indahemuka, guharanira igihe cyose icyateza imbere Umutwe wa Politiki abereye mu buyobozi, agamije inyungu z'Igihugu n'Abanyarwanda muri rusange; 2. Kuba intangarugero ku bayoboke b'umutwe wa politiki abereye mu buyobozi ndetse n'Abanyarwanda bose muri rusange, agaha agaciro icyizere yagiriwe; 3. Guharanira iteka icyatuma Umutwe wa politiki ayoboye ugera ku ntego wiyemeje kandi watangarije rubanda; 4. Kwigisha, gusobanurira no gushishikariza abayoboke b'Umutwe wa Politiki ayobora n'Abanyarwanda muri rusange ubumwe n'ituze by'abenegihugu, umuco w'ubworoherane n'ubwumvikane muri politiki ndetse n'inshingano zo kubahiriza uburenganzira bwa muntu n'indi migenzu myiza y'Umunyarwanda; 5. Gutega amatwi ibitekerezo n'ibyifuzo by'abayoboke no kugisha inama mbere yo gufata ibyemezo bireba ubuzima 	<ol style="list-style-type: none"> 1. Be a paragon of integrity and honesty, always promoting the development of their political organisation in which they occupy a leadership position, with a view of public and national interests ; 2. Be a shining example for the members of the political organisation in which they occupy a leadership position and for Rwandans in general, and live up to the hopes entrusted to them ; 3. Always work towards whatever can help the political organisation in which they occupy a leadership position to achieve the objectives set for itself and presented to the population ; 4. Educate, explain to and sensitise members of a political organisation in which they occupy a leadership position and Rwandans in general about national unity and stability, the culture of tolerance, political consensus and even the responsibility of respecting human rights and any other good practices characterising Rwandans ; 5. Listen to ideas and recommendations from members and engage in consultation before taking decisions concerning the life of a 	<ol style="list-style-type: none"> 1. Etre un paragon d'intégrité, d'honnêteté ; et toujours œuvrer au progrès de la formation politique dont il fait partie des instances dirigeantes, dans l'intérêt du pays et de la population rwandaise en général ; 2. Etre un modèle de comportements pour les adhérents de la formation politique dont il fait partie des instances dirigeantes et pour tous les Rwandais en général, et faire honneur aux espoirs placés en lui ; 3. Militer toujours en faveur de ce qui pourrait permettre à la formation politique dont il fait partie des instances dirigeantes d'atteindre les objectifs qu'elle s'est fixés et qu'elle a annoncés à la population ; 4. Eduquer, expliquer et mobiliser les adhérents d'une formation politique dont il fait partie des instances dirigeantes et tous les Rwandais en général, pour l'unité et la stabilité des citoyens, la culture de la tolérance et du consensus politique et même pour le devoir de respect des droits de la personne humaine et d'autres bonnes mœurs et pratiques caractérisant les Rwandais ; 5. Prêter attention aux idées, souhaits et recommandations des adhérents et les consulter avant de prendre des décisions concernant la

<p>bw'umutwe wa politiki.</p> <p>Ingingo ya 15: Ibyo uri mu buyobozi bw'Umutwe wa politiki uri mu Ihuriro agomba kwirinda</p> <p>Umuntu wese uri mu buyobozi bw'umutwe wa politiki uri mu Ihuriro agomba kwirinda:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Kugira imyitwarire imutesha agaciro, kwiandarika mu businzi, mu buraya no mu zindi ngeso zigayitse zitesha agaciro icyubahiro cye; 2. Gukoresha igitugu n'iterabwoba, gukoresha igitinyiro ahabwa n'umwanya afite mu buyobozi bw'umutwe wa politiki, mu nyungu ze bwite cyangwa ngo yice amategeko; 3. Gukuza irari ry'igitinyiro, kwiyitiranya n'urwego rw'ubutegetsi arimo, kwigira ikigirwamana; 4. Gukorera mu bwiru no kugambanira abandi banyapolitiki n'Igihugu; 5. Gucunga nabi ibyo ashinzwe, kurangwa na ruswa no kujya mu bikorwa bifitanye isano nayo; 6. Gutonesha cyangwa kuvangura abayoboze bo mu mitwe wa politiki ayobora ashingiye ku bwoko, akarere, 	<p>political organisation.</p> <p>Article 15: Prohibitions for whoever is in a leadership position of a political organisation member of the Forum</p> <p>Whoever occupies a leadership position within a political organisation shall avoid :</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. behaving below their dignity, for instance, by sinking into alcoholism, abandoning themselves to debauchery and any other acts dishonouring them ; 2. resorting to dictatorship and intimidation, using their leadership position in the political organisation to satisfy personal interests, or to run roughshod over laws; 3.eagerly wanting to be unapproachable, personalizing the leadership position they occupy and developing the cult of personality; 4. lacking transparency in their work and betraying their fellow politicians and the country ; 5. mismanaging public property, indulging in corruption and similar malpractices; 6.practicing favouritism or discrimination among members of the political organisation 	<p>vie d'une formation politique.</p> <p>Article 15: Interdictions pour une personne faisant partie des instances dirigeantes d'une formation politique membre du Forum</p> <p>Quiconque fait partie des instances dirigeantes d'une formation politique membre du Forum doit s'abstenir de :</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Avoir des comportements indignes, par exemple, sombrer dans l'alcoolisme, la débauche et d'autres habitudes répréhensibles et dégradantes qui portent atteinte à leur dignité ; 2. Succomber à la dictature et l'intimidation; se servir de son poste de responsabilité dans une formation politique pour assouvir ses propres intérêts, ou transgresser les lois ; 3. vouloir à tout prix être inapproachable, s'identifier à l'organe de pouvoir qu'il représente, entretenir le culte de la personnalité ; 4. Ne pas travailler dans la transparence et trahir d'autres politiciens et le pays lui-même ; 5.Mal gérer le patrimoine dont il est en charge, s'adonner à la corruption ou aux mauvaises pratiques du même acabit ; 6. Pratiquer le favoritisme ou faire de la discrimination parmi les adhérents de la
--	---	--

<p>idini n'ibindi byose bibangamiye uburenganzira bwa muntu;</p> <p>7. Gushyamiranya abayoboke b'imitwe ya politiki yabo cyangwa abayoboke babo n'ab'indi mitwe ya politiki;</p> <p>8. Guhubuka no gufata ibyemezo huti huti agamije gupfukirana ibitekerezo by'abayoboke;</p> <p>9. Kwivanga mu nzego z'ubuyobozi bwite bwa Leta yitwaje umwanya afite mu buyobozi bw'umutwe wa politiki;</p> <p>10. Gupiganira amasoko mu Ihuriro, yaba ku giti cye, uwo bashakanye cyangwa binyuze mu isosiyete afitemo imigabane, keretse gusa mu masosiyete afite uburyozwe bugarukira ku migabane, ku ngwate cyangwa ku migabane no ku ngwate, kandi we ubwe cyangwa uwo bashakanye batari mu buyobozi bwayo”.</p>	<p>they are at the helm, based on ethnicity, region, religion and any other practice detrimental to the respect of human rights;</p> <p>7. setting some members of their political organisation against other members or setting them against the members of other political organisations;</p> <p>8. lacking discernment or taking unconsidered decisions with a view to inhibiting ideas from members;</p> <p>9. Interfering in Governmental Institutions' business, using their leadership position in a political organisation.</p> <p>10. competing for the Forum's tenders whether it is themselves, their spouse or using a company where they have shares, with the sole exception for companies limited by shares, companies limited by guarantee or companies limited by shares and by guarantee in which themselves or their spouse do not occupy a management position</p>	<p>formation politique qu'il dirige, sur base de considérations ethniques, régionales, religieuses et d'autres considérations portant préjudice aux droits de la personne humaine;</p> <p>7. Monter les adhérents d'une même organisation politique les uns contre les autres ou les monter contre les adhérents d'autres formations politiques ;</p> <p>8. Manquer de discernement et prendre des décisions hâtives et irréfléchies visant à inhiber les idées des adhérents;</p> <p>9. S'ingérer dans les affaires des institutions étatiques en se servant de son poste de responsabilité dans une formation politique ;</p> <p>10. Soumissionner à un marché du Forum, que ce soit lui-même ou son conjoint ou par le biais d'une société où il détient des actions, exception faite uniquement pour des sociétés à responsabilité limitée par actions, des sociétés à responsabilité limitée par garantie ou des sociétés à responsabilité limitée par actions et par garantie dans lesquelles ni lui-même ni son conjoint n'occupe un poste de direction.</p>
<p>ICYICIRO CYA III : IMYITWARIRE Y'ABAYOBOKE B'IMITWE YA POLITIKI IRI MU IHURIRO</p> <p>Ingingo ya 16: Ibigomba kuranga umuyoboke w'Umutwe wa Politiki uri mu Ihuriro</p>	<p>SECTION III: BEHAVIOURS OF MEMBERS OF POLITICAL ORGANISATIONS MEMBERS OF THE FORUM</p> <p>Article 16 :Requirements for a member of a political organisation member of the Forum</p>	<p>SECTION III : COMPORTEMENTS DES ADHERENTS DES FORMATIONS POLITIQUES MEMBRES DU FORUM</p> <p>Article 15: Exigences pour un adhérent d'une formation politique membre du Forum</p>

<p>Buri muyoboke w'umutwe wa politiki uri mu Ihuriro agomba kurangwa ni ibi bikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Kubahiriza amategeko agenga umutwe wa politiki arimo; 2. Kuba intangarugero yubahiriza inzego z'ubuyobozi z'Umutwe wa Politiki n'ibyemezo zifata; 3. Kwigisha, gusobanurira no gushishikariza Abanyarwanda muri rusange ubumwe n'ituze by'abenegihugu, umuco w'ubworoherane n'ubwumvikane muri politiki ndetse n'inshingano zo kubahiriza uburenganzira bwa muntu n'indi migenzo myiza y'Umunyarwanda; 4. Kugira umurava, umutimanama, ubupfura no gushyira mu gaciro; 5. Gukunda umurimo no gushyira imbere inyungu z'Igihugu; <p>Ingingo ya 17: Ibyo abayoboke b'imitwe ya Politiki iri mu Ihuriro bagomba kubahiriza</p> <p>Abayoboke b'imitwe ya politiki iri mu Ihuriro bagomba kubaha uburenganzira bw'abandi; ntibafate abandi nk'abandi cyangwa abagambanyi kubera ko nta mitwe ya politiki barimo, cyangwa bari mu mitwe ya politiki itandukanye n'iyabo, ko ahubwo ari abafatanyabikorwa mu iterambere ry'Igihugu.</p>	<p>Each member of a political organisation member of the Forum shall abide by the following:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Respect rules and regulations governing their political organisation ; 2. Be exemplary by respecting the leadership organs of their political organisation, as well as the decisions taken by them; 3. Educate, explain to and sensitise Rwandans in general about national unity and stability in favour of citizens , the culture of tolerance, political consensus and even the responsibility of respecting human rights and any other good practices characterising Rwandans 4. Show motivation, conscientiousness, nobility and good sense 5. Devote themselves to work and have at heart national interests; <p>Article 17: Requirements for members of political organisations members of the Forum</p> <p>The members of political organisations grouped in the Forum shall respect other people's rights, refrain from regarding others as enemies or traitors, just because they do not belong to any political organisations or belong to a different political organisation. Instead, they should consider them as national development stakeholders.</p>	<p>Tout adhérent d'une formation politique membre du Forum doit:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. respecter les lois et règlements régissant la formation politique dont il est adhérent ; 2. servir d'exemple en respectant les organes de direction de sa formation politique ainsi que les décisions qu'ils prennent ; 3. éduquer, expliquer et mobiliser les Rwandais dans leur ensemble, pour l'unité et la stabilité en faveur des citoyens, pour la culture de la tolérance, le consensus politique et même le devoir de respect des droits de la personne humaine et d'autres bonnes mœurs et pratiques, qui caractérisent les Rwandais ; 4. être animé de motivation, de prise de conscience, de noblesse et de sens du jugement; 5. S'adonner au travail et avoir à cœur les intérêts du pays. <p>Article 17: Exigences pour les adhérents des formations politiques membres du Forum</p> <p>Les adhérents des formations politiques membres du Forum doivent respecter les droits des autres, éviter de considérer les autres comme des ennemis ou des traîtres pour la seule raison que ces derniers n'ont pas adhéré à une formation politique quelconque ou qu'ils appartiennent à une formation politique, qui n'est pas de leur obédience.</p>
--	---	---

<p>UMUTWE WA III: IMIKORANIRE N'UBUFATANYE BY'IMITWE YA POLITIKI IRI MU IHURIRO</p> <p>ICYICIRO CYA MBERE: IMIKORANIRE Y'IMITWE YA POLITIKI IRI MU IHURIRO</p> <p>Ingingo ya 18: Ibigomba kuranga imikoranire y'imitwe ya politiki iri mu Ihuriro</p> <p>Imitwe ya politiki iri mu Ihuriro igomba kurangwa n'imikoranire yubaka. Iyo mikoranire igomba gushingira ku:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Kumvikana no kubahiriza ubwigenge mu bitekerezo no mu mikorere ya buri mutwe wa politiki; 2. Kujya inama no kungurana ibitekerezo ku bibazo biremereye Igihugu; 3. Kugirirana icyizere; 4. Kwirinda amakimbirane, gutegana imitego no gusebanya. <p>Ingingo ya 19: Uburenganzira bw'umuturage cyangwa umuyoboke w'umutwe wa Politiki uri mu Ihuriro mu bihe by'iyamamaza</p> <p>Umuturage wese cyangwa umuyoboke w'umutwe wa politiki uyu n'uyu uri mu Ihuriro afite</p>	<p>CHAPTER III: COLLABORATION AND PARTNERSHIP AMONG POLITICAL ORGANISATIONS MEMBERS OF THE FORUM</p> <p>SECTION ONE: COLLABORATION BETWEEN POLITICAL ORGANISATIONS MEMBERS OF THE FORUM</p> <p>Article 18: Characteristics of collaboration among political organisations members of the Forum</p> <p>Political organisations members of the Forum shall be characterised by good and constructive collaboration based on :</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Mutual understanding and respect of freedom of opinion of each political organisation as well as the way it manages its business ; 2. Consulting and exchanging ideas with others regarding major problems facing the country ; 3. Encouraging mutual trust ; 4. Avoiding conflicts, putting a spoke in other people's wheel and slandering one other. <p>Article 19: Rights for a citizen or a member of a political organisation during the campaign period</p> <p>Each citizen or member of any political organisation member of the Forum has the right</p>	<p>CHAPITRE III : COLLABORATION ET DU PARTENARIAT ENTRE LES FORMATIONS POLITIQUES MEMBRES DU FORUM</p> <p>SECTION PREMIERE : COLLABORATION ENTRE LES FORMATIONS POLITIQUES MEMBRES DU FORUM</p> <p>Article 18 : Caractéristiques de collaboration entre les formations politiques membres du Forum</p> <p>Les formations politiques membres du Forum doivent faire preuve de bonne et constructive collaboration fondée sur :</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. une compréhension mutuelle et le respect de la liberté d'opinion et de fonctionnement de chaque formation politique ; 2. la consultation et la concertation sur les grands problèmes du pays; 3. la confiance réciproque; 4. l'évitement de conflits, d'actes malicieux tels que tendre des pièges aux autres et se lancer dans des calomnies. <p>Article 19: Droits pour un citoyen ou un adhérent d'une formation politique pendant la campagne</p> <p>Tout citoyen ou tout adhérent de telle ou telle formation politique membre du Forum a le droit de participer aux meetings et réunions des</p>
--	---	--

<p>uburenganzira bwo kujya mu nama z'imitwe ya politiki inyuranye zabereye mu ruhame, aribwo buryo bwo kumva ibitekerezo binyuranye no gushobora kwihitiramo ibimunogeye.</p> <p>Mu bihe by'iyamamaza, imitwe ya politiki iri mu Ihuriro yirinda guhatira Abanyarwanda kuva mu mutwe wa politiki baja mu wundi.</p>	<p>to attend different political organisations' public meetings; this enabling them to be abreast of different political programmes and make a personal choice in tandem with their preferences.</p> <p>During the campaign period, political organisations members of the Forum shall in no way force Rwandans to move from one political organisation to another.</p>	<p>différentes formations politiques pour peu que ces réunions soient publiques, ce qui est pour lui l'occasion d'être au courant de différents programmes politiques et ainsi de pouvoir choisir celui de sa préférence.</p> <p>Pendant la période de campagne électorale, les formations politiques membres du Forum ne doivent en aucun cas forcer les Rwandais à quitter telle ou telle formation politique pour adhérer à d'autres.</p>
<p>ICYICIRO CYA II: IMIKORANIRE Y'IMITWE YA POLITIKI IRI MU IHURIRO N'INZEGO ZA LETA</p>	<p>SECTION II: COLLABORATION BETWEEN POLITICAL ORGANISATIONS MEMBERS OF THE FORUM AND GOVERNMENT INSTITUTIONS</p>	<p>CHAPTER IV : DE LA COLLABORATION ENTRE LES FORMATIONS POLITIQUES MEMBRES DU FORUM ET LES INSTITUTIONS ETATIQUES</p>
<p>Ingingo ya 20: Ibiranga imikoranire y'imitwe ya Politiki iri mu Ihuriro n'inzego za Leta</p>	<p>Article 20: Characteristics of collaboration between political organisations members of the Forum and government institutions</p>	<p>Article 20: Caractéristiques de la collaboration entre les formations politiques membres du Forum et les institutions étatiques</p>
<p>Imitwe ya politiki iri mu Ihuriro irangwa no kunganira inzego z'ubuyobozi mu bikorwa by'iterambere, ishishikariza abayoboke bayo kwitabira gahunda z'Igihugu.</p>	<p>Political organisations members of the Forum are expected to complement leadership organs in development activities through sensitising their members about their involvement implementation of national programmes.</p>	<p>Les formations politiques se doivent d'être complémentaires avec les instances administratives de l'Etat dans les activités de développement, par la sensibilisation de leurs adhérents à la participation à l'exécution des programmes nationaux.</p>
<p>Ingingo ya 21: Imyitwarire ibujijwe umunyapolitiki uri mu Ihuriro</p> <p>Umunyapolitiki uri mu Mutwe wa Politiki uri mu Ihuriro abujijwe cyane cyane imyitwarire</p>	<p>Article 21: Taboos for a politician member of a political organisation member of the Forum</p> <p>A politician, who is a member of a political organisation member of the Forum shall, in</p>	<p>Article 21: Tabous pour un politicien membre d'une formation politique faisant partie du Forum</p> <p>Tout politicien membre d'une formation politique faisant partie du Forum doit, en</p>

<p>ikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Kwivanga mu mikorere y'inzego za Leta yitwaje ingengabitekerezo y'umutwe wa politiki arimo; 2. Gusuzugura cyangwa kudindiza ibyemezo bifatwa n'inzego za Leta yitwaje umwanya afite mu mutwe wa politiki; 3. Kugonganisha inzego z'ubuyobozi n'abaturage cyangwa kuzisuzuguzi; 4. Kumena ibanga ry'umurimo wa Leta ashinzwe cyangwa yari ashinzwe yitwaje inyungu ze cyangwa iz'Umutwe wa politiki akomokamo. <p>UMUTWE WA IV: IBIKWIYE KURANGA IMIKORANIRE HAGATI Y' IHURIRO N'UMUTWE WA POLITIKI URI MU IHURIRO</p> <p>Ingingo ya 22: Ibikwiye kuranga imikoranire hagati y'Umutwe wa Politiki uri mu Ihuriro n'Ihuriro</p> <p>Imikoranire hagati y'Ihuriro n'Imitwe ya Politiki irigize ikwiye kurangwa ni ibi bikurikira:</p>	<p>particular, refrain from the following behaviours and practices:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Interfere in the functioning of Government Institutions giving their political organisation ideology as a pretext; 2. Ignore or undermine the decisions from Government Institutions, using their position in their political organisation; 3. Set administrative organs against the population or have them discredit them; 4. Disclose the professional secrets from the Government position they occupy or used to occupy, in view of their own interests or those of the political organisation they come from. <p>CHAPTER IV: PROPER CHARACTERISTICS OF THE COLLABORATION BETWEEN THE FORUM AND A MEMBER POLITICAL ORGANISATION</p> <p>Article 22: Proper characteristics of the collaboration between the Forum and a member political organisation</p> <p>The collaboration between the Forum and member political organisations shall be characterised by the following:</p>	<p>particulier, s'abstenir des comportements et pratiques suivants :</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. S'ingérer dans le fonctionnement des institutions de l'Etat en mettant en avant l'idéologie de la formation politique d'appartenance comme prétexte ; 2. Ne pas respecter, ou saboter les décisions prises par les institutions de l'Etat, en usant de son poste de responsabilité dans la formation politique ; 3. Monter les instances administratives contre la population ou l'inciter à les discréditer. 4. divulguer les secrets professionnels dont il a ou a eu connaissance quand il occupe ou occupait un poste quelconque dans l'administration, aux fins de ses propres intérêts ou ceux de la formation politique dont il est issu. <p>CHAPITRE IV: CARACTERISTIQUES CONVENABLES DE COLLABORATION ENTRE LE FORUM ET UNE FORMATION POLITIQUE MEMBRE</p> <p>Article 22 : Caractéristiques convenables de collaboration entre le Forum et une formation politique membre</p> <p>La collaboration entre le Forum et des formations politiques membres doit être caractérisée par ce qui suit :</p>
---	--	--

<p>1. Ubwubahane;</p> <p>2. Guhanahana amakuru afasha buri rwego kurangiza neza inshingano zarwo;</p> <p>3. Guteza imbere umuco w'ubworoherane n'ubwumvikane;</p> <p>4. Kubahiriza amategeko agenga Ihuriro.</p> <p>UMUTWE WA V: IYUBAHIRIZWA RY'IYI NDANGAMYITWARIRE</p> <p>ICYICIRO CYA MBERE: KOMISIYO MBONEZABUPFURA NO GUKEMURA AMAKIMBIRANE MU IHURIRO</p> <p>Ingingo ya 23: Komisiyo ishinzwe gukurikirana iyubahirizwa ry'iyi Ndangamyitwarire</p> <p>Komisiyo y'Ihuriro mbonezabupfura no gukemura amakimbirane ishinzwe gukurikirana iyubahirizwa ry'iyi ndangamyitwarire.</p> <p>ICYICIRO CYA II : IBIHANO</p> <p>Ingingo ya 24: Ibihano bifatirwa umutwe wa politiki utubahirije ibikubiye muri iyi Ndangamyitwarire</p> <p>Umutwe wa politiki utubahirije ibikubiye muri iyi Ndangamyitwarire ufatirwa ibyemezo cyangwa ibihano hakurikijwe ibiteganywa n'Amategeko</p>	<p>1.Mutual respect</p> <p>2.Sharing information helping each organ to properly discharge its responsibilities;</p> <p>3.Promote the culture of tolerance and consensus;</p> <p>4.Respect the laws, rules and regulations governing the Forum</p> <p>CHAPTER V: IMPLEMENTATION OF THIS CODE OF CONDUCT</p> <p>SECTION ONE: THE FORUM'S ETHICS AND RESOLUTION CONFLICT COMMITTEE</p> <p>Article 23: Committee in charge of the follow-up of the implementation of the Code of Conduct</p> <p>The Ethics and Conflict Resolution Committee is in charge of the follow-up of the implementation of this Code of Conduct.</p> <p>SECTION II: SANCTIONS</p> <p>Article 24: Sanctions taken against a political organisation failing to comply with the provisions of this Code of Conduct</p> <p>Any political organisation failing to comply with the provisions of this Code of Conduct is subject to measures or sanctions, in accordance</p>	<p>1. Le respect réciproque ;</p> <p>2. Le partage d'informations pouvant aider chaque organe à s'acquitter convenablement de ses responsabilités ;</p> <p>3. La promotion de la culture de la tolérance</p> <p>4. Le respect des lois, règles et règlements régissant le Forum</p> <p>CHAPITRE V : MISE EN APPLICATION DU PRESENT CODE D'ETHIQUE</p> <p>SECTION PREMIERE : COMMISSION D'ETHIQUE ET DE RESOLUTION DES CONFLITS</p> <p>Article 23: Commission chargée du suivi de la mise en application du Code d'Ethique</p> <p>La Commission d'éthique et résolution des conflits est chargée du suivi de la mise en application du présent Code d'Ethique.</p> <p>SECTION II : SANCTIONS</p> <p>Article 24: Sanctions prises à l'encontre d'une formation politique ne se conformant pas aux dispositions du présent Code d'Ethique</p> <p>Toute formation politique ne respectant pas le présent Code d'Ethique est sujette aux mesures ou sanctions, conformément aux dispositions</p>
---	--	--

<p>Ngengamikorere y'Ihuriro.</p> <p>Ingingo ya 25 : Ubazwa imyitwarire y'umuyoboke w'Umutwe wa politiki uri mu Ihuriro</p> <p>Mu rwego rw'iyi Ndangamyitwarire, imyitwarire y'umuyoboke w' Umutwe wa politiki uri mu Ihuriro ibazwa mbere na mbere Umutwe wa politiki arimo. Umutwe wa politiki niwo ugomba kugira bwa mbere inama umuyoboke wawo watanye.</p> <p>Umutwe wa politiki uri mu Ihuriro mu guhana umuyoboke wawo, ukurikiza:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Itegeko Ngenga rigenga Imitwe ya Politiki n'Abanyapolitiki; 2. Amategeko awugenga; 3. Amategeko agenga Ihuriro. <p>Umutwe wa politiki uri mu Ihuriro ukurikiza kandi n'andi mategeko hakurikijwe uburemere bw'ikosa, urwego uwarikoze arimo ndetse n'inzego zishinzwe gutanga ibihano.</p> <p>UMUTWE WA VI: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA</p> <p>Ingingo ya 26: Ihindurwa ry'ingingo z'indangamyitwarire</p> <p>Gusaba ko ingingo zikubiye muri iyi</p>	<p>with the provisions of the Forum's Internal Rules and Regulations.</p> <p>Article 25 : Accountability for the behaviour of a member of a political organisation member of the Forum</p> <p>Within the context of this Code of Conduct, a political organisation shall be at first degree accountable for its member's behaviour. It shall be the first to advise its member at fault to mend their ways</p> <p>A political organisation taking action against its member shall do it in accordance with:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1.The Organic Law governing political organisations and politicians; 2.Its rules and regulations; 3. The laws, rules and regulations governing the Forum <p>A political organisation member of the Forum also follows other laws in force, according to the gravity of the offence, the defaulter's position and the organs in charge of imposing sanctions.</p> <p>CHAPTER VI: MISCELLANEOUS FINAL PROVISIONS</p> <p>Article 26: Amendment to the provisions of this Code of Conduct</p> <p>The Bureau of the Forum or a member political</p>	<p>du Règlement d'Ordre Intérieur du Forum.</p> <p>Article 25 : Responsabilité du comportement d'un adhérent d'une formation politique faisant partie du Forum</p> <p>Dans le cadre du présent Code d'Ethique, une formation politique assume au premier degré la responsabilité du comportement d'un adhérent. Ainsi, il lui revient en premier lieu de prodiguer des conseils à son adhérent fautif afin qu'il rectifie sa conduite.</p> <p>Une formation politique voulant prendre une sanction à l'encontre de son adhérent doit le faire en se conformant :</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. à la Loi Organique régissant les formations politiques et les politiciens ; 2. à ses règles et règlements ; 3. aux lois, règles et règlements régissant le Forum <p>Une formation politique membre du Forum recourt aussi à d'autres lois en vigueur, suivant la gravité de l'infraction, le rang occupé par la personne défaillante et les instances compétentes pour infliger les sanctions</p> <p>CHAPITRE VI: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES</p> <p>Article 25: Amendement aux dispositions du présent Code d'Ethique</p> <p>Le Bureau du Forum ou une formation</p>
---	---	---

<p>Ndangamyitwarire zihindurwa, bishobora gukorwa na Biro y'Ihuriro cyangwa Umutwe wa Politiki uri mu Ihuriro. Ibitekerezo ku byahindurwa muri iyi Ndangamyitwarire bishyikirizwa Inama Rusange kugira ngo ibisuzume kandi yemeze ishingiro ryabyo.</p> <p>Icyemezo cyo guhindura Indangamyitwarire y'Imitwe ya Politiki n'abayoboke bayo gifatwa ku bwumvikane.</p> <p>Ingingo ya 27: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iyi Ndangamyitwarire</p> <p>Iyi Ndangamyitwarire yateguwe, isuzumwa kandi itorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.</p> <p>Ingingo ya 28: Agaciro k'iyi Ndangamyitwarire</p> <p>Iyi Ndangamyitwarire yunganira amategeko asanzwe agenga imitwe ya politiki n'abayoboke bayo.</p> <p>Ingingo ya 29: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iyi Ndangamyitwarire</p> <p>Indangamyitwarire y'Imitwe ya politiki n'abayoboke bayo yo ku wa 13 Gashyantare 2014 n'izindi ngingo zose zibanziriza iyi Ndangamyitwarire zinyuranye nayo bivanyweho.</p>	<p>organisation may request for the amendment to the provisions of this Code of Conduct. Proposals for amendment thereto shall be submitted to the General Assembly for examination and validation.</p> <p>The decision to amend the Code of Conduct of political organisations and their members shall be taken by consensus.</p> <p>Article 27 : Drafting, examination and approval of this Code of Conduct</p> <p>This Code of Conduct was drafted, examined and approved in the Kinyarwanda version.</p> <p>Article 28 : Validity of this Code of Conduct</p> <p>This Code of Conduct supplements existing laws, rules and regulations governing political organisations and their members.</p> <p>Article 29: Repeal of the provisions in contradiction with this Code of conduct</p> <p>The Code of Conduct of political organisations and their members of 13 February 2014, and any other previous provisions in contradiction with this Code of Conduct are repealed.</p>	<p>politique quelconque peut demander qu'il y ait amendement aux dispositions du présent Code d'Ethique. Les propositions de modification sont transmises à l'Assemblée Générale pour examen et validation.</p> <p>La décision d'amender le Code d'Ethique régissant les formations politiques et leurs adhérents est prise par consensus.</p> <p>Article 27 : Rédaction, Examen et Approbation du présent Code d'Ethique</p> <p>Le présent Code d'Ethique a été rédigé, examiné et approuvé en Kinyarwanda.</p> <p>Article 28: Validité du présent Code d'Ethique</p> <p>Le présent Code d'Ethique complète les lois, règles et règlements existants, qui régissent les formations politiques et leurs adhérents.</p> <p>Article 29: Abrogation des dispositions contraires au présent Code d'Ethique</p> <p>Le Code d'Ethique des formations politiques et de leurs adhérents du 13 février 2014 ainsi que d'autres dispositions antérieures contraires au présent Code d'Ethique sont abrogés.</p>
---	---	--

<p>Ingingo ya 30: Igihe iyi Ndangamyitwarire itangira gukurikizwa</p> <p>Iyi Ndangamyitwarire itangira gukurikizwa ku muni yemerejweho kandi ishyizweho umukono n’Imitwe ya Politiki iri mu Ihuriro.</p> <p>Bikorewe i Kigali, ku wa 28 /03/2019.</p>	<p>Article 30 : Enforcement of this Code of Conduct</p> <p>This Code of Conduct enters into force on the date of its approval and signing by political organisations members of the Forum.</p> <p>Done in Kigali on 28/03/2019.</p>	<p>Article 30 : Mise en vigueur du présent Code d’Ethique</p> <p>Le présent Code d’Ethique entre en vigueur le jour de son approbation et de sa signature par les Formations politiques membres du Forum.</p> <p>Fait à Kigali, le 28/03/2019.</p>
---	---	--

Izina ry'Umutwe wa politiki	Amazina y'uhagarariye Umutwe wa politiki	Umukono
1. UMURYANGO F.P.R-INKOTANYI	Hon. NGARAMBE François	
2. ISHYAKA RIHARANIRA UKWISHYIRA UKIZANA KWA BURI MUNTU / P.L	Hon. MUKABALISA Donatille	
3. ISHYAKA RIHARANIRA UBUMWE BW'ABANYARWANDA NA DEMOKARASI/ UDPR	Hon. NIZEYIMANA Pie	
4. ISHYAKA NTANGARUGERO MURI DEMOKARASI / P.D.I	Hon. Sheik HARERIMANA Mussa Fazil	
5. ISHYAKA RIHARANIRA DEMOKARASI N'IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE/ P.S.D	Hon. Dr BIRUTA Vincent	
6. ISHYAKA RY' ITERAMBERE N'UBUSABANE / P.P.C	Hon. Dr MUKABARAMBA Alvéra	
7. ISHYAKA RIHARANIRA DEMOKARASI IHUZA ABANYARWANDA/ P.D.C	Hon. MUKABARANGA Agnes	
8. ISHYAKA RYA GISOSIALISITI RIRENGERA ABAKOZI MU RWANDA / P.S.R	Hon. RUCIBIGANGO Jean Baptiste	
9. ISHYAKA RY'UBWISUNGANE BUGAMIJE ITERAMBERE/ P.S.P	Hon. KANYANGE Phoebe	
10. ISHYAKA PS-IMBERAKURI	Hon. MUKABUNANI Christine	
11. ISHYAKA RIHARANIRA DEMOKARASI NO KURENGERA IBIDUKIKIJE/ D.G.P.R	Hon. Dr HABINEZA Frank	